150

D1. Généralités

Invitation à un Séminaire-atelier

1997

J.C.A

République Rwandaise

Kigali, le 04 DEC. 1997
N° 2124/05.09.01

Info.
aux directeurs (tous)
ou leurs représentants
9.12.97

Ministère de l'Intérieur, du Développement
Communal et de la Réinstallation.
B.P. 446 KIGALI

Madame, Monsieur le Ministre....................
...........M.I.J.E.S.C.A.F.O.P.........
KIGALI

Objet: Invitation à un séminaire-Atelier

Madame, Monsieur le Ministre,

Suite aux conclaves récemment organisées en vue de préparer les documents de Politique Sectorielle des Ministères à vocation sociale,

J'ai l'honneur de vous demander de bien vouloir envoyer vos représentants à un séminaire atelier qui se tiendra dans les locaux de l'Hôtel Méridien Umubano du 10 au 11 Décembre 1997, chaque fois à partir de 9 heures précises. Ce séminaire-Atelier, comme vous annoncé antérieurement, a pour but d'harmoniser les dites politiques sectorielles.

Veuillez agréer, Madame, Monsieur le Ministre, l'expression de ma franche collaboration.

**Sheikh Abdoul Karim HARERIMANA**
Ministre de l'Intérieur, du Développement Communal et de la Réinstallation.

REPUBLIQUE RWANDAISE
Ministère de l'Intérieur et du Développement Communal

C.P.I.
- Excellence Monsieur le Premier Ministre
KIGALI

**N.B**: 1. La réunion se tiendra à l'hôtel des Milles Collines.
2. Chaque Ministère sera représenté par 5 personnes.
3. Chaque Ministère est invité à déléguer une de ces cinq personnes qui présentera la politique sectorielle de son Ministère.

REPUBULIKA Y'U RWANDA
PEREFEGITURA KIBUNGO
UBUYOBOZI BWA MIJESCAFOP.

Kibungo, kuwa 18/07/1998.

D. Jeunesse
pour exploitation
5.8.98.

Sec
- file
- Info. Abatoza bose
4/8/98

A traiter par
Date entrée : 29/7/98
N° Classement : 3494/98

Nyakubahwa Bwana Minisitiri w'Urubyiruko Imikino, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse

K I G A L I.

IMPAMVU : Kohereza raporo y'amahugurwa.

Nyakubahwa Bwana Minisitiri,

Hamwe n'iyi baruwa nejejwe no kubagezaho raporo y'amahugurwa y'urubyiruko yabaye kuva kuwa 21/06/1998 kugeza tariki ya 26/06/1998.

Mugire imirimo myiza.

Uhagarariye MIJESCAFOP,
BAGOROZI Côme.

REPUBLIQUE RWANDAISE
MIJESCAFOP
ENCADREMENT PREFECTORAL

BIMENYESHEJWE :

- Bwana Perefe wa Perefegitura
K I B U N G O.

# RAPORO Y' AMAHUGURWA Y' URUBYIRUKO RUHAGARARIYE URUNDI KURI ZASEGITERI

## I. INTANGIRIRO: Ayo mahugurwa y' urubyiruko yateguwe n' ubuyobozi bw' urubyiruko buterwa inkunga na MIJESCAFOP.

### Ayo mahugurwa yaragamije

- gusobanurira uribyiruko Politiki ya LETA nk'urubyiruko
- Gutegura ububyobozi bw'urubyiruko

kuwa taliki 21-6-98 kugeza kuli 26-6-98.

## II. INGINGO NKULU ZA YO MAHUGURWA

- Gusobanura Politiki ya MIJESCAFOP
- Gusobanura Inama nkuru y'urubyiruko
- Gusobamura inzego z'urubyiruko n' imitere yazo
- Imikorere myiza y' umurwana shyaka n' amatwara ndindiza bikorwa.
- Inshingano z' umuyobozi

### Uruhare rw'ubyiruko mubumwe n'ubwiyunge bw' abanyarwanda

- Imikino n'imyidagaduro mugutsimbataza ubusabane mu banyarwanda.
- Uruhare rw' urubyiruko mu majyambere y 'gihugu.
- Gusobanura umushinga wa I.G. A.
- Gusobanura uburyo bwo kwirinda V. I. H. ( SIDA )

Uretse amasomo yatanzwe, habayeho n' ibikorwa mu matsinda, kuli tsinda rikaba ryari rigizwe n' urubyiruko rwavuye muri buri Komini. Hari amatsinda 11.

### Ibibazo byizwe mu Matsinda ni bibiri

1. Hakorwa iki kugirango urubyiruko rw' urwanda rube rwiza, ruzima ?
2. Niki kibuza urubyiruko kwitabira ibikorwa byose ruhamagarirwa muri za Segiteri.

Kukibazo cya mbere, amatsinda yose yahuriye kuri ibi bikurikira.

- Kugira abayobozi beza bakunda igihugu cyane cyane abakorana hafi n' abaturage.
- Gukoresha amahugurwa menshi abahagarariye urubyiruko.
- Gushyiraho amategeko arengera urubyiruko no guhana abantu bose baruyobya.
- Abayobozi bakwiye guha urugero rwiza urubyiruko.

Ku kibazo cya kabiri, urubyiruko rusanga kutitabira umurimo ruhamagarirwa bituruka kumpanvu nyinshi:

- Ubuyobozi bw' ibanze ntabwo burwitaho ngo barukoreshe inama : Serire, Segiteri.
- Ubuyobozi bw' urubyiruko muri za segiteri ntabwo burakomera.
- Komini nazo ntabwo zitaho urubyiruko keretse iyo hari ibikorwa by' amaboko gusa.
- Hari abantu batera umwuka mubi mu rubyiruko bashingiye kumoko, aho bakomotse cyangwa amashyaka makoreyemo.

Amahugurwa arangiye, urubyiruko rwagaragaje ibibazo rufite ndetse rutanga n'byifuzo.

1. Ibibazo
   - Urubyiruko hafi ya rwose rufite ibibazo by' ubukene n'indwara

- Kuba hari ubujiji bwishi mu rubyiruko
- Kuba bifuza gukora aruko bakabura uko bagera kurubyiruko.
- Kuba hari urubyiruko rutifuza gukorana n'urundi kubera amadini n'irimo.
- Kuba hari abantu bayobya urubyiruko bitandukanya nibyo leta y' ubumwe yifuza.

## 2 Ibyifuzo

- Urubyiriko rwasabye amahugurwa menshi.
- Urubyiruko rwasabye imipira yo gukina
- Gushakirwa uburyo ngo rugere muri za serire zose ( amagare )
- Gusurwa kenshi n' abayobozi banyuranye.
- Gushakirwa ibikoresho ( amasuka,............) mu nyigisho yarwo.
- Gukora ingendo shuri muyandi ma Prefegitura hari ibikorwa by' urubyiruko.

Urubyiruko rwarangije amahugurwa rwitashye rwiyemeje ko rugiye gushyira mu bikorwa amasomo bahawe; kandi ko bazakungurira urundi rubyiruko ibikorwa byose bigamije gushyigikira Leta y' ubumwe.

**AMAFARANGA Y'AMAHUGURWA UKO YAKORESHEJWE.**
**INTERURO:**
Amafaranga yatanzwe na MIJESCAFOPE mu mahugurwa y'urubyiruko ruhagarariye urundi muri za Segiteri yanganaga n'ibihumbi magana atanu na bitanu (505.000F).
Ayo mafaranga akaba yari mu bice bibiri bikuru.
**1.** Amafaranga yari agenewe kugura ibintu byari bikenewe no guhemba abatetsi.
**2.** Amafaranga ya Perdiem.

**Amafaranga yari agenewe kugura ibintu byari biteganyijwe mu mushinga**

| IBINTU | UMUBARE | AGACIRO |
|---|---|---|
| 1. Umuceri | Imifuko 5 | 75.000 F |
| 2. Peteroli | Amaritiro 10 | 2.000 F |
| 3. Inkwi | Amasiteri 10 | 10.000 F |
| 4. Amakaye | 150 | 15.000 F |
| 5. Amakaramu | 150 | 75.00 F |
| 6. Umunyu | Umufuko | 8.000 F |

**TOTAL yose hamwe : 117.500 F**

**Ibyaguzwe byari biteganyijwe**

| | | |
|---|---|---|
| 1. Umuceri | imifuko 5 | 45000 |
| 2. Peterori | amaritiro 5 | 1000 |
| 3. Inkwi | amasiteri 3 | 3000 |
| 4. Amakaye | 130 x 100 fr | 13000 |
| 5. Amakaramu | 130 x 50 fr | 6500 |
| 6. Umunyu | ibiro 9 | 1800 |

**TOTAL II 70,300 FR**

**3.** Amafranga ya PERDIEM

| Abo aribo | umubare | Agaciro |
|---|---|---|
| 1. Abanyeshuri | 115 | 115.000 FR |
| 2. Encadreurs Communaux | 11 | 137.500 FR |
| 3. Encadreurs prefectoraux | 2 | 50.000 FR |
| 4. Abarimo | 6 | 45.000 FR |
| **TOTAL** | **134 pers** | **347.500 FR** |

Igihembo cy' abanatetsi : 20000 f

C. Amafaranga yose hamwe yasohotse ku byari biteganijwe.

347,500 fr + 70,300 fr + 20,000 fr = 437,800 fr

TOTA TV = 437,800 FR

**N.B.** Mbere yuko amahugurwa atangira hari ibikorwa bimwe byagombaga gukorwa kugirango abazaza mu mahugurwa batangira ibibazo.

**1.** Kubaka aho kwiyuhagirira
**2.** Kubaka aho guteka
**3.** Kubaka aho kwihagarikira

Iyo mirimo yose ntabwo yari yateganyijwe muri Projet ariko yagombaga gukora kuko yari ikenewe.
Kubera ko hari ibintu twaguza amafranga make, byabaye ngombwa ko amafranga asigaye tuyifashisha mu kugura bimwe mu bindi bintu bitari biteganijwe ariko byari ngombwa.
Mubintu twari dufite harimo n' ibiryo PAM yaduhaye ariko bike kubudyo bimwe twanabiguze mu mafranga yasigaye asigara, ndetse tunashesha n' umufuka w' ibigori kugirango tubone ifu y' igikoma.
Ibidyo PAM YATANZE

| IZINA | UMUBARE |
|---|---|
| ibigori | imifuka 6 |
| ibishyimbo | umufuka 1 |
| ubushaza | umufuka 1 |

Kuberako umufuka w' ibishyimbo utashoboraga gutekwa mumvungure ngo ibishyimbo bimare iminsi y' amhugurwa, imifuka ibiri y' ibigori yagurushijwe ( 5000 frw, tuyaguramo ibishimbo byadufashije kurangiza amahugurwa.
Kuko n' ubushaza bwari bucye kandi abarwaye batararyaga invungure aribwo batekerwaga buri mugoroba.
**D.** Abintu byaguzwe bitari biteganyijwe ariko bikenewe

| IZINA | UKOBINGANA | IGICIRO /U | YOSE HAMWE |
|---|---|---|---|
| 1. Isukari | Ibiri 10 | 350 fr | 350 fr x 4 = 3500 fr |
| 2. Amavuta | utudebe 4 | 250 fr | 2500 fr x 4 10.000 fr |
| 3. Buji | 4 boites | 350 fr | 350 x 4 = 14,00 fr |
| 4. Ubunyobwa | 4kg | 600 fr | 600 fr x 4 = 2,400 fr |
| 5. Gushesha | 50 | 25 fr | 25 fr x 50 = 1250 fr |
| 6. Ibitunguru | 4kg | 400 fr | 400 fr x 4 = 1600 fr |
| 7. P.H. | 2 | 200 fr | 200 fr x 2 = 400 fr |
| 8. Isitimu | 1 | 600 fr | 600 fr x 1 = 600 fr |
| 9.Imisumari y' ambati | 4 kg | 800 fr | 800 fr x 4 = 3200 fr |
| 10. Immisumari y' ibiti | 5kgs | 500 fr | 500 fr x 4 = 2500 fr |
| 11. Gusezerana n' abaencadreur | 12 encadreurs | 9080 fr | 9080 fr |
| 12. Mazout | 10ltrs | 2300 fr | 230fr x 10 = 2300 fr |
| 13. Essence | 26.8 ltrs | 235 fr | 235 fr x26.8 = 6300 fr |
| 14. 2T | 2 | 400 fr | 400 fr x 2 = 800fr |
| 15. Amazi | 30 bidons | | |
| 16. Gupakurura ibiryo bya PAM | Imifuka 6 mais umufuka 1 PP, umufuka 1 haricots | 500 fr | 500 fr x 1= 500 fr |
| 17. Music umunsi wo gusezerana | | 1000fr | 1000 fr |
| 18. Gupakira no gutahura ibikoresho | | | 1000 fr |

**Total = 52530 fr**
Amafranga yose yakoreshejwe -:
= 347,500 Fr +70,300 fr + 20,000fr + 52,530 fr

**= 490330 Fr**

Hari amafranga 5,000 Fr nagujije Frederik atanshubije.
Amafranga yasigaye : 5050,000 fr - (490,300 Fr + 5,000 fr )

= 5050.000 fr - 495,330 fr

**= 9670 fr**